Umuntu wese wihesheje cyangwa wakiriye abizi amafaranga y'ibiceri cyangwa y'inoti yavuzwe mu ngingo ya 601 y'iri tegeko ngenga akanayakwiza mu bandi, nubwo ataba umwe mu bakoze ayo mafaranga cyangwa abayinjije mu gihugu, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

Umuntu wese wahawe amafaranga y'ibiceri, y'inoti cyangwa impapuro zifite agaciro k'amafaranga, bikoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, byiganywe cyangwa byahinduwe akabitwara yibwira ko bidafite inenge ariko aho ayimenyeye akabikwiza mu bandi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Ingingo ya 604: Guhimba, gukoresha cyangwa gukwirakwiza ibintu byakwitiranywa n'amafaranga cyangwa impapuro zivunjwamo amafaranga

Umuntu wese uhimba, ukoresha cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose

to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 603: Circulation of counterfeit monies

Any person who knowingly acquires or receives coins or notes mentioned in Article 601 of this Organic Law, and circulates them to any person, even if he/she is not one of counterfeiters or importers of such monies shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years.

Any person who receives counterfeit or altered coins, notes or other related effects which are legal tender in Rwanda or in foreign countries, and takes them without knowing that they are counterfeit, and who, when he/she discovers that they are counterfeit, circulates them among other people, shall be liable to imprisonment of six (6) months to two (2) years.

Article 604: Counterfeiting, using or circulating items misrepresented as money or negotiable instruments

Any person, who counterfeits, uses or circulates, by any means, items

organique au niveau international, est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Article 603: Mise en circulation de fausses monnaies

Toute personne qui, sciemment, se procure ou reçoit des monnaies métalliques ou des billets repris à l'article 601 de la présente loi organique et les met en circulation même si elle ne fait pas partie de ceux qui les ont émis ou introduits dans le pays, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Toute personne qui, reçoit des monnaies métalliques ou des billets ou autres effets ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, sans savoir qu'ils sont contrefaits ou falsifiés et les reçoit à l'insu de leur vice de falsification et qui les remet en circulation après avoir découvert ces vices, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Article 604: Contrefaçon, utilisation, mise en circulation des objets pouvant se confondre à la monnaie ou aux titres négociables

Toute personne qui contrefait, utilise ou met

ibintu byose byakwitiranywa n'amafaranga cyangwa izindi mpapuro zivunjwamo amafaranga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'amafaranga y'amahimbano.

misrepresented as money or negotiableinstruments shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of two (2) to ten (10) times the value of the counterfeit money.

en circulation de quelque manière que ce soit, tous les objets pouvant se confondre à la monnaie ou aux titres négociables, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois la valeur de la monnaie contrefaite.

<u>Ingingo ya 605</u>: Inyagwa ry'amafaranga y'amahimbano

Ku byaha biteganyijwe kuva ku ngingo ya 601 kugeza kuya 604 z'iri tegeko ngenga, urukiko rutegeka inyagwa n'itwikwa ry'amafaranga cyangwa ibindi bimenyetso bihwanye na yo, yiganywe, yahinduwe cyangwa yononwe, hamwe n'iry'ibikoresho n'iry'ibindi bintu ibyo ari byo byose byafashije gukora, kwigana cyangwa konona ibyo bimenyetso bihwanye n'amafaranga.

<u>Article 605</u>: Confiscation of counterfeit money

For all offences under Articles 601 to 604 of this Organic Law, the Court shall order the confiscation and destruction of money or other cash value effects counterfeit or altered and other materials and any other means used in counterfeiting or altering cash value vouchers.

<u>Article 605</u>: Confiscation de fausses monnaies

Dans tous les cas prévus aux articles 601 à 604 de la présente loi organique, la juridiction ordonne la confiscation et la destruction des monnaies ou signes monétaires contrefaits, falsifiés ou altérés, ainsi que des instruments et matériels quelconques ayant servi à la fabrication, à la contrefaçon ou à l'altération des signes monétaires.

<u>Icyiciro cya 2</u>: Kwigana cyangwa guhindura za kashe, tembure n'ibindi birango

<u>Section 2</u>: Counterfeiting or falsification of seals, stamps or other marks

<u>Section 2</u>: Contrefaçon ou falsification des sceaux, des poinçons, des timbres ou d'autres marques

<u>Ingingo ya 606</u>: Guhindura ibirango bya Leta, iby'umuntu ku giti cye, iby'ibigo cyangwa imiryango byigenga byemewe n'amategeko

<u>Article 606</u>: Counterfeiting official marks and marks of an individual or a private legal entity

<u>Article 606</u>: Falsification des marques officielles et marques des particuliers, des établissements ou des associations privées légalement reconnus

Umuntu wese:

Any person who:

1° wigana ikirango cya Leta;

2° wigana cyangwa uhindura tembure, udupapuro dufite agaciro k'amatembure n'ibirango bikoreshwa mu izina rya Leta;

3° wigana kashe, tembure cyangwa ikirango bikoreshwa n'umutegetsi uwo ari we wese;

4° wigana impapuro ziranga aho zigenewe gukoreshwa cyangwa impapuro z'ubutegetsi zikoreshwa mu nteko zashyizweho n'Itegeko Nshinga mu butegetsi bwa Leta cyangwa mu nkiko zose;

ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Mu gihe ibyiganywe cyangwa ibyakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko ari iby'umuntu ku giti cye, iby'ibigo cyangwa imiryango byigenga byemewe n'amategeko, igihano kiba igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

1° counterfeits the State emblem;

2° counterfeits stamps or other equivalent documents of the same value and official marks of the State;

3° counterfeits the seal, postal stamp or emblem of any authority;

4° counterfeits headed paper or official printed documents used in institutions established by the Constitution, public administration or by courts;

shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

If counterfeit or falsified objects belong to an individual, or private legal entities, the penalty shall be a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Toute personne qui:

1° contrefait le sceau de l'Etat ;

2° contrefait ou falsifie des timbres, d'autres pièces équivalents ou des marques destinées à être apposées au nom du Gouvernement ;

3° contrefait le sceau, le timbre ou la marque d'une autorité quelconque ;

4° contrefait les papiers avec en-tête ou imprimés officiels en usage dans les assemblées instituées par la Constitution, les administrations publiques ou toutes les juridictions;

est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Si les objets falsifiés ou contrefaits appartiennent à un particulier, aux établissements ou associations de doit privé légalement reconnus, les peines sont l'emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Ingingo ya 607: Gukoresha mu buryo butari bwo ibirango

Umuntu wese:

1° ukoresha tembure z'iposita zakoreshejwe kandi abizi neza;

2° wonona tembure ku buryo zidashobora guterwaho kashe ku buryo byatuma zitongera gukoreshwa;

3° wonona tembure, impapuro zifite agaciro k'amatembure agamije kwerekana ko habayeho ubwishyu bwakozwe n'ubutegetsi bw'amaposita y'amahanga;

4° ukoresha cyangwa ukwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose inyandiko ku bw'imiterere yazo zisa n'izikoreshwa n'inzego za Leta, bikaba byatera rubanda kuzemeraho ukuri;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Umuntu wese ukoresha, utanga cyangwa ukwiza za tembure n'inyerekanabwishyu, ibimenyetso bisimbura tembure cyangwa impapuro zashyizweho n'ubutegetsi bw'amaposita, byiganywe cyangwa

Article 607: Illegal use of marks

Any person who:

1° knowingly uses postal stamps or mobile stamps that have been used;

2° by any means alters stamps with intent to subject them to obliteration;

3° alters a postal stamp or equivalent documents with intent to pretend that a payment by a post service of a foreign country has been made;

4° uses or spreads, by any means, documents appearing like those used by Government institutions, which may make people believe their authenticity;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years.

Any person who uses, distributes or spreads falsified postal stamps, coupons, prints, used postal stamps or papers authorised by postal administration, with knowledge that they are counterfeited or falsified, shall be liable to the

Article 607: Utilisation illégale des marques

Toute personne qui:

1° sciemment fait usage de timbres-poste ou de timbres mobiles ayant déjà été utilisés ;

2° par un moyen quelconque, altère des timbres en vue de les soustraire à l'oblitération ;

3° contrefait ou altère les timbres, les coupons réponse en vue de prétendre qu'il y a eu un paiement effectué par le service des postes d'un pays étranger;

4° utilise ou distribue par tout moyen les documents, qui ressemblent de par leur nature à ceux utilisés par les institutions publiques, pouvant tromper le public sur leur authenticité;

est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Toute personne qui utilise, colporte ou distribue les timbres, vignettes, empreintes ou coupons contrefaits ou falsifiés alors qu'il sait qu'ils sont contrefaits ou falsifiés est

bihinduwe, akabikora azi neza inenge yabyo, ahanishwa ibihano bimaze kuvugwa mu gikacya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 608: Inyagwa ry'ibirango bya Leta n'ibindi birango byiganywe byahinduwe cyangwa byononywe

Ku byaha biteganywa mu ngingo ya 606 n'iya 607 z'iri tegeko ngenga, urukiko rutegeka inyagwa rya kashe, tembure cyangwa ibindi birango byiganywe, byahinduwe cyangwa byononywe ku buryo ubwo ari bwo bwose.

Icyiciro cya 3: Inyandiko mpimbano no kwiha ububasha

Ingingo ya 609: Guhimba cyangwa guhindura inyandiko

Umuntu wese uhimba cyangwa uhindura mu buryo ubwo ari bwo bwose inyandiko, ashyiraho umukono cyangwa igikumwe bitari byo, yonona inyandiko cyangwa imikono, asimbuza abantu abandi, ahimba amasezerano, imiterere y'ingingo zayo, igitegetswe gukorwa cyangwa icyarangije kwemeranywa, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) penalty provided for under Paragraph One of this Organic Law.

Article 608: Confiscation of official marks and other counterfeited, falsified or altered marks

For all offences provided for in Articles 606 and 607 of this Organic Law, the court shall order the confiscation of seals, stamps or any other counterfeited, falsified or altered marks in any manner.

Section 3: Forging documents and usurpation of power

Article 609: Forging or alteration of documents

Any person who forges or alters documents by forged signature or fingerprint, falsifying documents or signatures or impersonation, forging agreements, its provisions, obligations, discharged obligations shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Article 608: Confiscation des marques officielles et autres marques contrefaites, falsifiées ou altérées

Dans tous les cas prévus aux articles 606 et 607 de la présente loi organique, la juridiction ordonne la confiscation des sceaux, timbres ou autres marques contrefaits, falsifiés ou altérés d'une manière quelconque.

Section 3: Faux en écriture et usurpation de titres

Article 609: Contrefaçon ou falsification des documents

Toute personne qui contrefait ou falsifie un acte de quelque manière que ce soit par apposition de fausses signatures ou empreinte digitale, soit par altération d'écritures ou de signatures, soit par supposition de personnes, soit par fabrication de conventions, leurs dispositions, obligations ou décharges, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de trois cent

kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 610: Gukoresha inyandiko mpimbano

Umuntu wese uzi ko inyandiko ari impimbano, akayikoresha ku buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa ibihano bimwe n'iby'uwayihimbye.

Ingingo ya 611: Guhimba inyandiko bikozwe n'abashinzwe imirimo ya Leta

Iyo guhimba inyandiko byakozwe n'umukozi wa Leta mu murimo ashinzwe cyangwa n'undi ushinzwe umurimo w'igihugu, igifungo kiba kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ingingo ya 612: Guhabwa ku bw'uburiganya cyangwa gukora no gukoresha inyandiko n'impapuro bitangwa n'inzego zabigenewe

Umuntu wese:

1° ku bw'uburiganya wihesha, atabikwiye, impapuro z'inzira zikoreshwa mu gihugu cyangwa ku

Article 610: Use of counterfeited document

Any person who knowingly, uses a counterfeit document shall be liable to the same penalty as the person counterfeiting a document.

Article 611: Counterfeit by a public servant

If a public servant or any other person in charge of public service counterfeits a document in the exercise of his/her duties, he/she shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years and a fine of five hundred thousand (500,000) and five million (5,000,000) Rwandan francs.

Article 612: Fraudulent acquisition or counterfeit and use of counterfeit documents and papers issued by the competent authority

Any person who:

1° fraudulently acquires a travel document, diploma, certificate, and transcript, driving licence, or any

mille (300.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 610: Usage de faux

Toute personne qui, sciemment, fait usage d'un faux est passible des mêmes peines que l'auteur du faux.

Article 611: Faux commis par un dépositaire de l'autorité publique

Si le faux est commis dans l'exercice de ses fonctions par un fonctionnaire ou une personne chargée d'un service public, la peine d'emprisonnement est de sept (7) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

Article 612: Acquisition frauduleuse ou faux et usage de faux des documents délivrés par l'autorité compétente

Toute personne qui :

1° par fraude, se fait délivrer indûment des documents de voyage, les

bajya mu mahanga, impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi, urupapuro rw'amanota, impushya zo gutwara ibinyabiziga n'izindi mpapuro cyangwa inyandiko cyangwa ibyemezo bitangwa n'inzego zabigenewe;

2° ukora cyangwa ukoresha inyandiko n'impapuro cyangwa ibyemezo byavuzwe mu gace ka 1º k'iki gika;

ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000).

Ingingo ya 613: Gutanga inyandiko ku muntu udakwiye kuyihabwa bikozwe n'umukozi wa Leta

Umukozi wa Leta uha umuntu cyangwa umuhesha imwe mu nyandiko ziteganyijwe mu ngingoya 612 y'iri tegeko ngenga , akayimuha azi ko adakwiye kuyihabwa, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

other document which is issued by competent authorities;

2° counterfeits or uses a document, a certificate and paper stated in point 1º of this Paragraph;

shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of three hundred thousand (300,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs.

Article 613: Issuing a document by a competent civil servant to a person who is not entitled to it

A civil servant who issues or causes others to issue a document mentioned in Article 612 of this Organic Law , to a person who is not entitled to it, shall be liable to imprisonment of more than five (5) years to ten (10) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

passeports, diplômes ou certificats, bulletin, permis de conduire, ou autres documents, écrits ou attestations délivrés par les autorités compétentes;

2° fait ou fait usage des écrits, documents ou attestations énoncés au point 1º du présent alinéa;

est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de trois cent mille (300.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Article 613: Délivrance d'un document par un agent de l'Etat à une personne qui n'y a pas droit

Un agent de l'Etat qui délivre ou fait délivrer l'un des documents prévus à l'article 612 de la présente loi organique à une personne qui n'y a pas droit, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à dix (10) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2. 000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 614: Kwandika cyangwa gukoresha inyandiko yahinduwe cyangwa irimo ibinyoma

Umuntu wese:

1° wandika abizi inyadiko ivuga ibintu uko bitari;

2° uhindura ku buryo ubwo ari bwo bwose inyandiko yavugaga ukuri;

3° ukoresha abizi, inyandiko itavugisha ukuri cyangwa yahinduwe;

ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).

Article 614: Counterfeit or use of a counterfeit document

Any person who:

1° knowingly issues a document containing materially incorrect facts;

2° falsifies or modifies, in any way, an original document;

3° knowingly uses an inaccurate or falsified document;

shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs.

Article 614: Faux et usage de faux d'un document falsifié

Toute personne qui:

1° établit sciemment un document faisant état de faits matériellement inexacts ;

2° falsifie ou modifie d'une façon quelconque un document originairement correct ;

3° fait sciemment usage d'un document inexact ou falsifié ;

est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais.

Ingingo ya 615: Guhindura amazina binyuranyije n'amategeko

Umuntu wese uhindura mu buryo bunyuranyije n'amategeko izina rye ryemewe n'amategeko, abigiriye mu nyandiko y'ubuyobozi cyangwa mu nyandikompamo cyangwa mu mpapuro z'ubuyobozi zigenewe gushyikirizwa Leta, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe

Article 615: Illegal change of names

Any person who unlawfully changes his/her legally recognized name in an administrative or authentic document meant to be submitted to the Government authority shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million

Article 615: Changement illégal de noms

Toute personne qui, dans un acte public ou authentique, ou dans un document administratif destiné à l'autorité publique, change illégalement le nom qui lui est officiellement reconnu, est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais

(1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

(1,000,000) Rwandan francs, or one of these penalties.

inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 616: Kwiha ububasha ku mirimo itari iyawe no kwambara umwambaro utagenewe ugamije kuyobya rubanda

Article 616: Usurpation of duties, titles and uniform with intent to mislead the public

Article 616: Usurpation de fonctions, titres et uniforme aux fins de tromper le public

Umuntu wese utabigenewe, wivanga mu mirimo y'ubutegetsi y'abasivili cyangwa iy'abasirikare cyangwa wiha gukora umwe muri iyo mirimo, wiyita umukozi wa Leta atari we cyangwa wambara ku mugaragaro umwambaro w'ubutegetsi, umwambaro uhuriweho n'abahuje umurimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso, agambiriye kuyobya rubanda, abemeza ko ashinzwe umurimo wa Leta, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Any person without capacity who usurps public, civil or military duties, performs duties of one of these services or falsely acquires the powers of a public officer or publicly wears a costume, gown, uniform or an emblem with intent to mislead the public, shall be liable to imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of fifty thousand (50.000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs.

Toute personne qui, sans titre, s'immisce dans des fonctions publiques, civiles ou militaires ou pose les actes d'une de ces fonctions ou s'attribue faussement la qualité de fonctionnaire public ou porte publiquement un costume, une uniforme, un insigne ou un emblème dans le but de faire croire qu'il assume un mandat public, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais.

Iyo umwambaro w'ubutegetsi cyangwa w'abahuje umurimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso bitagenewe ubwabyo kugaragaza umurimo wa Leta umuntu ashinzwe ariko kubera kugira ishusho imwe bikaba byatera rubanda kubyitiranya

If a person publicly wears a costume, gown, uniform, symbol or emblem which can make the public believe that he/she is a public authority by virtue of resemblance or a master allows or forces his/her servant to wear them, he/she shall be liable to a term of

Si le costume ou l'uniforme, l'insigne ou l'emblème n'est pas destiné à faire croire à l'existence d'un mandat public, mais qu'ils sont de nature à créer la confusion au sein du public à cause de ses ressemblances avec

n'iby'ubutegetsi, ubyambara ku mugaragaro, ureka uwo akoresha cyangwa ategeka akabyambara cyangwa akamutegeka kubyambara ku mugaragaro, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

ceux des agents de l'Etat, celui qui les porte publiquement, celui qui laisse son préposé les porter ou l'oblige de les porter publiquement, est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

<u>Ingingo 617</u>: Kwambara amapeti, agatambaro n'ibindi bimenyetso utabigenewe

Uretse mu mikino yigana ikinirwa mu ruhame, umuntu wese wambara ku mugaragaro ipeti, agatambaro cyangwa ibindi bimenyetso by'umutwe atarimo, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

<u>Article 617</u>: Wearing insignia, ribbon or any other decoration by a non-entitled person

Any person who publicly wears an insignia, a ribbon, or any other symbol of an organisation he/she does not belong to, except in drama, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1 000 000) Rwandan francs, or one of these penalties.

<u>Article 617</u>: Port d'une décoration, d'un ruban ou de tout autre insigne par une personne non-autorisée

A l'exception des manifestations à caractère ludique, quiconque porte publiquement une décoration, un ruban ou un autre insigne d'un ordre qui ne lui appartient pas, est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1,000,000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Umuntu wese wambara atabigenewe ipeti, agatambaro cyangwa ibindi bimenyetso cyangwa wagize icyo abikoresha cyangwa wiyitiriye umwuga wemewe n'ubutegetsi, impamyabushobozi, impamyabumenyi zitangwa na Leta cyangwa ubushobozi

Any person, who illegally wears an insignia, a ribbon or uses a title of a Government profession, state academic certificate or any other entitlements granted to a person meeting requirements set by the Government shall be liable to the penalty provided for under the

Toute personne qui porte illégalement une décoration, un ruban ou un autre symbole, qui en fait usage ou se réclame d'un titre attaché à une profession légalement réglementée, d'un certificat, d'un diplôme

buhabwa umuntu wujuje ibyangombwa Leta yashyizeho, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika kibanziriza iki.

Icyiciro ya 4: Ibyaha bijyanye no kutubahiriza amategeko agenga abinjira n'abasohoka mu gihugu

Ingingo ya 618: Ingingo rusange ku byaha byo kutubahiriza amategeko y'abinjira n'abasohoka

Umuntu wese :

1° ufasha umunyamahanga kandi azi neza, cyangwa yagombye kumenya ko uwo afasha atifuzwa mu gihugu;

2° ubuza Ofisiye wa imigarasiyo kurangiza inshingano ze;

3° winjira akaguma mu Rwanda binyuranyije n'itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka;

4° wambuka cyangwa ugerageza kwambuka umupaka cyangwa ahandi hantu hemewe atabiherewe uburenganzira na ofisiye wa imigarasiyo;

preceding paragraph.

Section 4: Offences of non-compliance with immigration and emigration laws

Article 618: Common provisions applicable to offences of non-compliance with immigration and emigration laws

Any person who:

1° knows or ought to know, assists a foreigner who is a persona non grata;

2° prevents an Immigration Officer from accomplishing his/ her duties;

3° enters and stays in Rwanda contrary to immigration and emigration law;

4° crosses or attempts to cross a border post or any other authorized place without clearance of an immigration officer;

officiel ou d'une qualité dont les conditions d'attribution sont fixées par l'autorité publique, est passible des peines prévues à l'alinéa précédent**.**

Section 4 : Infractions relatives au non-respect des lois régissant l'immigration et l'émigration

Article 618: Dispositions communes aux infractions relatives au non-respect des lois régissant l'immigration et l'émigration

Toute personne qui:

1° prête assistance à un étranger lorsqu'il sait ou est censé savoir que cet étrager est déclaré persona non grata;

2° empêche un Officier d'immigration d'accomplir ses fonctions;

3° entre et séjourne au Rwanda en violation de la législation relative à l'immigration et émigration;

4° traverse ou tente de passer par un poste-frontière ou autre endroit reconnu sans autorisation de l'officier de l'immigration;

5° wambuka cyangwa ugerageza kwambuka aca ahantu hatemewe n'amategeko;

6° ufasha undi kubona icyo atemerewe mu biteganywa n'itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka;

7° uhishira icyaha icyo ari cyo cyose giteganywa n'iyi ngingo;

ahanishwa igifungo kuva ku minsi cumi n'itanu (15) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 619: Umunyamahanga utegetswe kuva mu Rwanda ntabikore

Umunyamahanga wese utegetswe kuva mu Rwanda ntabikore, ahanishwa igifungo kuva ku minsi cumi n'itanu (15) kugeza ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umunyamahanga utegetswe kuva mu Rwanda ntabikore, yirukanwa nyuma yo

5° crosses or attempts to cross through unauthorized place;

6° assists another person to obtain what he/she is not entitled to under immigration and emigration law;

7° conceals any offence provided for under this Article;

shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) days but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 619: Refusal by an expelled foreigner to leave Rwanda

Any foreigner, who is ordered to leave Rwanda and refuses to do so, shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) days to three (3) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

A foreigner, who is ordered to leave Rwanda and refuses to do so, shall be deported after

5° traverse ou tente de passer par un endroit non autorisé ;

6° prête assistance à une personne aux fins d'obtenir ce à quoi elle n'a pas droit en vertu de la loi relative à l'immigration et émigration;

7° se refuse à dénoncer toute infraction prévue par le présent article;

est passible d'un emprisonnement de quinze (15) jours mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 619: Refus par un étranger expulsé de quitter le Rwanda

Tout étranger qui refuse de quitter le Rwanda après en avoir reçu l'injonction, est passible d'un emprisonnement de quinze (15) jours à trois (3) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Un étranger ayant reçu l'injonction de quitter

kurangiza ibihano yahawe.

Ingingo ya 620: Umunyamahanga wirukanywe akagaruka atabifitiye uruhushya

Umunyamahanga wirukanywe mu Rwanda, akongera kwinjira mu gihugu kandi impamvu zatumye yirukanwa zigihari, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umunyamahanga uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yirukanwa nyuma yo kurangiza igihano yahawe.

Ingingo ya 621: Gukoresha umunyamahanga binyuranyije n'amategeko

Umuntu wese ukoresha umunyamahanga azi cyangwa yagombye kumenya ko binyuranyije n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku minsi irindwi (7) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

serving his/ her sentence.

Article 620: A deported foreigner who re-enters illegally

A foreigner who is deported from Rwanda, and re-enters the country when the grounds for deportation are still valid, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to five million (5,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

The foreigner referred to in Paragraph One of this Article shall be deported after serving the sentence imposed on him/her.

Article 621: Employing a foreigner who is not legally authorised to work

Any person who, knowingly or ought to know, employs a foreigner contrary to the law, shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) days but less than six (6) months and a fine of one hundred thousand (100,000) to one million (1,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

le Rwanda et refuse de s'exécuter, est expulsé après avoir purgé sa peine.

Article 620: Etranger expulsé revenant clandestinement

Un étranger expulsé du Rwanda et qui y revient alors que les motifs de son expulsion persistent, est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans et d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq million (5.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

L'étranger dont il est question à l'alinéa premier du présent article est ré-expulsé après avoir purgé sa peine.

Article 621: Employer un étranger non légalement autorisé à travailler

Toute personne qui embauche un étranger sachant ou étant censé savoir que c'est en violation de la loi, est passible d'un emprisonnement de sept (7) jours mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cent mille (100.000) à un million (1.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo habayeho isubiracyaha, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 622: Kwanga gusubiza urwandiko rw'inzira

Umuntu wanga gusubiza urwandiko rw'inzira Ubuyobozi Bukuru bw'abinjira n'abasoka kandi yabitegetswe, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 623: Igihano gihabwa umunyamahanga utubahiriza icyemezo yafatiwe n'Ubuyobozi Bukuru bw'abinjira n'abasohoka

Umunyamahanga wese utubahiriza icyemezo yafatiwe n'Ubuyobozi Bukuru bw'abinjira n'abasohoka cyo kwishyura ihazabu, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva

In case of recidivism, the employer shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand (500,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 622: Refusal to return a travel document

Any person, who refuses to obey an order to return a travel document to the Directorate General of immigration and emigration, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of fifty thousand (50,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 623: Penalty for a foreigner who does not comply with the decision taken against him/her by the Directorate General of Immigration and Emigration

Any foreigner who does not comply with the decision taken against him/her by the Directorate General of Immigration and Emigration to pay a fine, shall be liable to a term of imprisonment of one (1) month but less than six (6) months and a fine of five

En cas de récidive, l'employeur est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 622: Refus de remettre un document de voyage

Quiconque refuse d'obtempérer à l'ordre lui donné de remettre un document de voyage à la Direction Générale de l'immigration et émigration, est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille (50.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 623: Peine pour un étranger qui ne respecte pas la décision prise à son encontre par la Direction Générale de l'Immigration et Emigration

Tout étranger qui ne respecte pas la décision prise à son encontre par la Direction Générale de l'Immigration et Emigration de payer une amende, est passible d'un emprisonnement de un (1) mois mais

ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo kutubahiriza icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe na sosiyete itwara abantu, ihanishwa guhagarikwa gukorera mu Rwanda by'agateganyo cyangwa gufatira ibikoresho byayo.

Icyiciro cya 5: Gukoresha nabi umutungo wa rubanda no gutanga amasoko ya Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Akiciro ka mbere: Gukoresha nabi umutungo wa Leta

Ingingo ya 624: Gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe

Umuntu wahawe ububasha n'Igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu, ukoresha, nta burenganzira yabiherewe n'inzego zibishinzwe, amafaranga ari ku ngengo y'imari ya Leta cyangwa indi mitungo ya Leta ibyo itateganyirijwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi

hundred thousand (500,000) to two million (2, 000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

If a passenger transport company refuses to respect the decision mentioned in Paragraph One of this Article, it shall be punished by suspension to operate in Rwanda or confiscation of its equipment.

Section 5: Misuse of public property and illegal award of public tenders

Sub section One : Misuse of public property

Article 624: Use of public property for purposes other than the one it was provided for

Any person entrusted with public authority or in charge of a public service mission who uses state budget funds or other public property for purposes other than that for which they were originally allocated to, without prior authorization of competent authority, shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months and a fine of three hundred thousand (300,000) to two million

inférieur à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille (500.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque le non respect de la décision visée à l'alinéa premier du présent article est commis par une société de transport de passagers, elle est punie d'une suspension d'opérer au Rwanda ou de la confiscation de son matériel.

Section 5: Abus de biens publics et attribution illégale de marchés publics

Sous-section première: Abus de biens publics

Article 624: Utilisation des biens publics pour des fins dont ils ne sont pas prévus

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public, qui utilise le budget de l'Etat ou d'autres biens publics pour des fins auxquelles ils n'étaient pas prévus, sans autorisation préalable de l'autorité compétente, est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende de

magana atatu (300.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 625: Gukoresha amafaranga ya Leta arenze ayagenwe

Umuntu wese wahawe ububasha n'igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu, ukoresha amafaranga ya Leta arenze ayo agenerwa amworohereza mu kazi, nta burenganzira abiherewe n'inzego zibishinzwe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro ebyiri (2) z'agaciro k'amafaranga yarengeje cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 626: Gukoresha amafaranga y'isoko rya Leta icyo atateganyirijwe

Umuntu wese, watsindiye isoko rya Leta, ukoresha ku buryo butumvikanyweho mu masezerano amafaranga yahawe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'amafaranga yakoreshejwe ku buryo butumvikanyweho.

(2,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Article 625: Spending more public funds than the amount budgeted

Any person entrusted with public authority or in charge of a public service mission who spends more public funds than the amount of allowances allocated to cover his/her service facilities, without prior authorization of competent authority, shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of twice (2) the value of the extra allowances that have been spent or one of these penalties.

Article 626: Misuse of public ender funds

Any person awarded a public tender who uses funds paid under a contract without compliance with agreed terms shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two (2) to five (5) times the value of the funds used without compliance with the above contract.

trois cent mille (300.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Article 625: Dépenser plus de fonds publics que ceux budgétisés

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public, qui dépense plus de fonds publics que ceux budgétisés pour ses indemnités de service, sans autorisation préalable de l'autorité compétente, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux (2) fois la valeur des fonds supplémentaires dépensés ou de l'une de ces peines seulement.

Article 626: Affectation des fonds du marché public à l'usage autre que celui auquel ils sont destinés

Tout attributaire d'un marché public qui utilise les fonds versés en vertu de ce marché en violation des termes du contrat est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux (2) à cinq (5) fois la valeur des fonds utilisés en violation des termes du contrat.

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe n'amasosiyete, ibigo, amashyirahamwe cyangwa imiryango yigenga, bihanishwa kimwe mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 32 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 627: Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu

Umuntu wese ufite ububasha ku bw'umurimo akora bwo gucunga umutungo ufitiye rubanda inyungu rusange w'ikigo, amasosiyete, amashyirahamwe cyangwa imiryango byigenga, akawukoresha nabi mu byo utateganyirijwe cyangwa mu buryo bunyuranyije n'inyungu z'ibyo bigo cyangwa iz'abanyamuryango n'ababerewemo umwenda, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'amafaranga yakoreshejwe nabi cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano

Akiciro ka 2: Gutanga amasoko ya Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko

If the offence under Paragraph One of this Article is committed by companies, establishments, associations or private organizations, they shall be liable to one of the penalties provided for under Article 32 of this Organic Law.

Article 627: Misuse of property of public interest

Any person entrusted with authority to manage property of public interest belonging to an establishment, companies, private associations or organizations and uses such property for purposes other than what they are intended or contrary to the interests of such entities, their members and creditors shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of two (2) to five (5) times the value of the misused funds or one of these penalties.

Sub section 2: Illegal award of public tenders

Si l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise par les entreprises, établissements, associations ou organismes privés, ils sont passibles de l'une des peines prévues à l'article 32 de la présente loi organique.

Article 627: Abus des biens d'intérêt général

Toute personne dépositaire de l'autorité qui, agissant dans l'exercice de ses fonctions, gère les biens d'intérêt général appartenant à un établissement, aux entreprises, aux associations ou aux organisations privées et les utilise à des fins autres que celles auxquelles ils sont destinés ou contrairement aux intérêts de ces entités, de leurs membres et créanciers est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux (2) à cinq (5) fois la valeur des fonds abusés ou de l'une de ces peines seulement.

Sous-section 2: Attribution illégale de marchés publics

<u>Ingingo ya 628:</u> Ibihano ku byaha byerekeranye no gutanga amasoko ya Leta mu buryo bunyuranije n'amategeko

Umuntu wese:

1° uhishurira upiganwa amakuru ajyanye n'imiterere ya tekiniki y'isoko mbere y'igihe cy'itangazwa ryaryo;

2° wanga gutanga nta mpamvu igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa n'izindi nyandiko z'inyongera zacyo cyangwa utanga ikitari cyo cyangwa yahinduye;

3° ubogamisha akanama gakora isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa kagashingira ku ngingo zidateganyijwe mu gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa;

4° ukoresha impamvu idateganyijwe mu gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa agatanga isoko;

5° ucamo isoko ibice agamije guca ku ruhande ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta;

<u>Article 628:</u> Penalties for offences related to the violation of the Law on public tenders

Any person who:

1° discloses to the bidder information on technical specifications of the tender before its publication;

2° refuses without reasonable cause to deliver a bidding document and its supplement or correction or delivers a different or a modified document;

3° influences the tender evaluation committee to use evaluation criteria not provided for by the tender document;

4° uses a criterion that is not provided in the tender document to award a tender;

2° ubura mu mutwe agomba kubamo, birenze ukwezi kumwe (1) cyangwa se uva mu Rwanda nta ruhushya, akabura iminsi irenga cumi n'itanu (15), mu gihe cy'amahoro;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3).

Iyo Ofisiye:

1° yacikanye imbunda, indege, ubwato cyangwa se imodoka bya gisirikare;

2° yatorotse ari ku kazi k'irondo, k'izamu, ko kurinda ahantu cyangwa yari ku kandi kazi gakoranwa imbunda;

ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza myaka irindwi (7).

<u>Ingingo ya 736</u>: Kwiha ikiruhuko kirenze iminsi ofisiye yahawe

Ofisiye wese ujya mu kiruhuko cyangwa uhabwa uruhushya, mu gihe cy'intambara, ntagaruke mu mutwe agomba kubamo, bikarenza iminsi itandatu (6) cyangwa se ukwezi kumwe (1), mu gihe cy'amahoro, kuva ikiruhuko cye cyangwa uruhushya

2° leaves his/her unit for more than one (1) month or the territory of Rwanda without authorisation and remains absent for more than fifteen (15) days in peacetime;

shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years.

If an officer:

1° deserts with military firearm, aircraft, boat or vehicle;

2° deserts when he/she is on patrol, watch, guards a post or carries out any other armed service;

shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

<u>Article 736</u>: Unauthorized extension of leave by an officer

Any officer who is on official leave or permission who does not return to his/her unit for more than six (6) days in wartime, or one (1) month in peacetime, after the expiry of his/her leave or permission or after is ordered to return to duty shall be liable to

2° en temps de paix, s'absente de son unité pendant plus d'un (1) mois ou qui, ayant quitté le Rwanda sans autorisation, demeure absent pendant plus de quinze (15) jours ;

est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans.

Si un officier :

1° déserte en emportant avec lui une arme à feu, un aéronef, un bateau ou un véhicule militaires;

2° déserte en faisant partie d'une patrouille, d'une garde, d'un poste ou de tout autre service armé;

est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

<u>Article 736</u>: Prolongation non autorisée du congé par un officier

Tout officier en congé ou en permission qui ne regagne pas son unité pour plus de six (6) jours en temps de guerre ou plus d'un (1) mois en temps de paix après l'expiration de son congé ou de sa permission ou après avoir reçu un ordre de rappel est passible d'un

birangiye cyangwa kuva igihe abonye itegeko ryo kugaruka, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

imprisonment of one (1) year to two (2) years.

emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Ingingo ya 737: Gutoroka mu gihe cy'amahoro bikozwe n'utari ofisiye

Article 737: Desertion in peacetime by a non officer

Article 737: Désertion en temps de paix par un militaire non officier

Umusirikare wese utari Ofisiye, mu gihe cy'amahoro:

1° umara iminsi irenga cumi n'itanu (15) yarabuze atabifitiye uruhushya mu mutwe agomba kubamo cyangwa mu gice cy'abasirikare bajyanye ku kazi;

2° ufite uruhushya urenza ukwezi kumwe (1) ataragaruka mu mutwe agomba kubamo kandi uruhushya cyangwa ikiruhuko byarangiye cyangwa nyuma y'igihe yahawe itegeko ryo kugaruka ku kazi;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Any non officer who, in peacetime:

1° leaves his/her unit or detachment for more than fifteen (15) days without authorization;

2° has permission but does not return to his/her unit for more than one (1) month after the expiry of his/her leave or permission or after is ordered to return to duty ;

shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

Tout militaire non officier qui, en temps de paix :

1° s'absente de son unité ou de son détachement, sans y être autorisé, pendant plus de quinze (15) jours ;

2° en permission, s'absente de son unité pour plus d'un (1) mois après l'expiration de son congé ou de sa permission ou après avoir reçu un ordre de rappel ;

est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Ingingo ya 738: Impamvu nkomezacyaha ku cyaha cyo gutoroka cyakozwe n'utari Ofisiye

Article 738: Aggravating circumstances for desertion of a soldier with a lower rank than an officer

Article 738: Circonstances aggravantes en cas de désertion d'un militaire de rang inférieur à celui d'officier

Iyo uwakoze icyaha:

If the offender:

Si l'auteur :

1°	yigeze guhanirwa gutoroka;	1°	was sentenced for desertion;	1°	a déjà été antérieurement condamné pour désertion ;
2°	yatorokanye na mugenzi we ku mugambi;	2°	deserts in concert with a comarade;	2°	déserte de concert avec un camarade ;
3°	yarenze imipaka y'u Rwanda;	3°	crosses the boundaries of the Rwandan territory;	3°	franchit les limites du territoire du Rwanda ;
4°	yitwaje konji cyangwa uruhushya bishingiye ku nyandiko y'inyiganano cyangwa yahinduwe;	4°	uses a forged or altered authorization of leave or permission;	4°	fait usage d'une autorisation de congé ou de permission contrefaite ou falsifiée;
5°	yarengeje amezi atandatu (6) yaratorotse;	5°	deserts for more than six (6) months;	5°	déserte pour plus de six (6) mois ;

ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

he/she shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

il est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Iyo umusirikare watorotse:

1° yacikanye imbunda, indege, ubwato cyangwa se imodoka bya gisirikare;

2° yari ari ku kazi k'irondo, k'izamu, ko kurinda ahantu cyangwa yari ku kandi kazi gakoranwa imbunda;

If a soldier deserts:

1° with military firearm, aircraft, boat or vehicle;

2° when he/she is on patrol, watch, guards a post or carries out any other armed service;

Si le militaire déserte:

1° emporte avec lui une arme à feu, un aéronef, un bateau ou un véhicule militaires ;

2° fait partie d'une patrouille, d'une garde, d'un poste ou de tout autre service armé ;

igihano giteganijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kikuba kabiri (2).

the penalty under Paragraph One of this Article shall be doubled.

la peine prévue à l'alinéa premier du présent article est portée au double.

<u>Ingingo ya 739</u>: Gutoroka bikozwe n'utari Ofisiye mu gihe cy'intambara

<u>Article 739</u>: Desertion in wartime by a non officer

<u>Article 739</u>: Désertion en temps de guerre par un non officier

Mu gihe cy'intambara, umusirikare wese

Any soldier non officer who leaves for six (6)

Tout militaire non officier qui s'absente pour

utari Ofisiye umara iminsi itandatu (6) cyangwa ufite uruhushya cyangwa konji akamara iminsi itandatu (6) ataragaruka mu mutwe agomba kubamo kandi uruhushya cyangwa konji byararangiye cyangwa nyuma y'igihe yahawe itegeko ryo kugaruka ku kazi, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itatu (3).

days or has permission or is on leave but does not return to his/her unit for six (6) days, after the expiry of his/her leave or permission or after is ordered to return to duty shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to three (3) years.

six (6) jours ou qui est en permission ou en congé mais qui ne rejoint pas son unité, six (6) jours après l'expiration de son congé ou de sa permission, ou après avoir reçu un ordre de rappel, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à trois (3) ans.

Mu gihe hari impamvu nkomezacyaha, uwakoze icyaha ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikubye kabiri (2).

In case of aggravating circumstances, the offender shall be liable to double of the penalties under Paragraph One of this Article.

En cas de circonstances aggravantes, l'auteur est passible du double des peines visées à l'alinéa premier du présent article.

<u>Ingingo ya 740</u>: Igisobanuro cyo gutoroka ku kagambane

Ugutoroka ku kagambane ni ugutoroka uko ari ko kose kwagiriwe umugambi n'abasirikare barenze umwe (1).

<u>Article 740</u>: Definition of desertion by conspiracy

Desertion by conspiracy means desertion carried out after being jointly planned by more than one (1) soldier.

<u>Article 740</u>: Définition de la désertion avec complot

Une désertion avec complot est toute désertion effectuée de concert par plus d'un (1) militaire.

<u>Ingingo ya 741</u>: Kuyobora akagambane

Umusirikare wese uyoboye akagambane kavugwa mu ngingo ya 740 y'iri tegeko ngenga, mu gihe cy'amahoro, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2), mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

<u>Article 741</u>: Leading a conspiracy

Any soldier who leads a conspiracy provided under Article 740 of this Organic Law shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years in peacetime and of three (3) years to five (5) years in wartime.

<u>Article 741</u>: Etre à la tête d'un complot

Tout militaire qui est à la tête du complot visé à l'article 740 de la présente Loi Organique est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) en temps de paix et d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans en temps de guerre.

Mu gihe cy'amahoro, abandi bagambanyi

Other members of the conspiracy shall be

Les autres membres du complot sont

bahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1), mu gihe cy'intambara, bahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year in peacetime and of two (2) years to five (5) years in wartime.

passibles d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an en temps de paix et d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans en temps de guerre.

Ingingo ya 742:Gutoroka umwanzi yugarije

Article 742: Desertion in the face of the enemy

Article 742: Désertion en présence de l'ennemi

Umusirikare wese utoroka umwanzi yugarije, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10) iyo ari ofisiye, n'igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) iyo atari ofisiye.

Any soldier who deserts in the face of the enemy shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years if he/she is an officer and of more than five (5) years to seven (7) years if he/she is non officer.

Tout militaire qui déserte en présence de l'ennemi est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans s'il est officier et d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans s'il n'est pas officier.

Ingingo ya 743: Gutoroka ugana umwanzi

Article 743: Deserting to the enemy

Article 743: Désertion vers l'ennemi

Umusirikare wese utoroka agana umwanzi, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Any soldier who deserts to the enemy shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Tout militaire qui déserte vers l'ennemi est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Icyiciro cya 5: Ukwiyononera umubiri ku bushake

Section 5: Self-inflicted mutilation

Section 5: Auto-mutilation volontaire

Ingingo ya 744: Kwiyononera umubiri mu gihe cy'intambara

Article 744: Self-inflicted mutilation in wartime

Article 744: Auto-mutilation volontaire en temps de guerre

Mu gihe cy'intambara, umusirikare wese wiyononera umubiri ku bushake, utuma bamwononera umubiri cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwamumugaza kugira ngo adakora akazi

Any soldier who self-inflicts mutilation, allows him/herself to be mutilated or puts him/herself into a state of disability by any means for the purpose of evading service, even temporarily in wartime, shall be liable to

Tout militaire qui, en temps de guerre, se mutile volontairement, se fait mutiler ou se met par un moyen quelconque dans un état d'invalidité, pour se soustraire, même temporairement, au service, est passible d'un

n'iyo haba ari mu gihe gito, iyo ari Ofisiye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5). Iyo ari umusirikare utari Ofisiye, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years if he/she is an officer and of one (1) year to two (2) years if he/she has a lower rank than an officer.

emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans s'il est officier et d'un (1) an à deux (2) ans s'il n'est pas officier .

Ingingo ya 745: Kwimugaza bikozwe umwanzi yugarije

Article 745: Self-inflicted disability in the face of the enemy

Article 745: Se mettre dans un état d'invalidité en présence de l'ennemi

Ofisiye wese ukora icyaha cyo kwimugaza umwanzi yugarije ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Any officer who practices self-inflicted disability in the face of the enemy shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Tout officier qui se met dans un état d'invalidité en présence de l'ennemi est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Umusirikare wese utari ofisiye ukora icyaha cyo kwimugaza umwanzi yugarije ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

Any non officer who practices self-inflicted disability in the face of the enemy shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years.

Tout militaire non officier qui se met dans un état d'invalidité en présence de l'ennemi est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans.

Icyiciro cya 6: Gukoresha intwaro nta tegeko ryabitangiwe

Section 6: Use of an arm without an order from a superior

Section 6: Emploi d'une arme sans ordre d'un supérieur

Ingingo ya 746: Igihano ku cyaha cyo gukoresha intwaro nta tegeko ryatanzwe n'umukuru

Article 746: Penalty for use of an arm without an order from a superior

Article 746: Peine pour emploi d'une arme sans ordre du supérieur

Umusirikare wese, ushinzwe umurimo ukoresha intwaro, atabitegetswe n'umukuru, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Any soldier who is on a duty uses an arm without an order from a superior shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

Tout militaire qui, en service fait usage d'une arme sans ordre d'un supérieur, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Icyiciro cya 7: Ibihano ku byaha byo guhungabanya itumanaho rya gisirikare, ibyo kurigisa, kugurisha, kwiba intwaro, amasasu n'ibindi bikoresho bya gisirikare

Ingingo ya 747: Ingingo rusange

Ingingo zigize iki cyiciro ntizibuza ikoreshwa ry'ingingo z'amategeko ku byaha bihungabanya umutekano wa Leta n'ibindi byaha biteganyijwe mu yandi mategeko.

Ingingo ya 748: Igisobanuro cy'uburyo bw'itumanaho rikoreshwa mu gisirikare

Muri iri tegeko ngenga, uburyo bw'itumanaho rikoreshwa mu gisirikare ni uburyo bwose bukoreshwa mu gutanga cyangwa kwakira amakuru yerekeye ingabo, hakoreshejwe ibikoresho bitandukanye birimo ibyuma bifata n'ibisohora amajwi, imizindaro, elegitoroniki n'ibindi.

Ingingo ya 749: Guhungabanya itumanaho rya gisirikare bikozwe n'umusivili

Umuntu wese utari umusirikare ukoze ibyaha biteganyijwe muri iki cyiciro ahanishwa

Section 7: Penalties for sabotaging the military communication system, diversion, sale and stealing of arms, ammunitions and any other military equipment

Article 747: General provision

The provisions of this section are without prejudice to the provisions relating to offences against state security and other offences provided under other laws.

Article 748: Definition of the military communication system

For the purpose of this Organic Law, military communication system means any system of transmission or receipt of information related to the army by means of various equipment including recorders, transmitters, speakers, electronic devices and others.

Article 749: Sabotage of the military communication system by a civilian

Any civilian who commits offences under this section shall be liable to penalties under this

Section 7: Peines pour infractions de sabotage du système de communication militaire, de détournement, de vente, de vol d'armes, de munitions et de tout autre matériel militaires

Article 747: Disposition générale

Les dispositions de la présente section ne portent pas préjudice aux dispositions relatives aux infractions contre la sûreté de l'Etat ni à d'autres infractions prévues par d'autres lois.

Article 748: Définition du système de communication militaire

Aux fins de la présente loi organique on entend par système de communication militaire tout système de transmission ou de réception des informations relatives à l'armée à l'aide de différents équipements notamment les appareils d'enregistrement et d'émission, sonores et électroniques et autres.

Article 749: Sabotage du système de communication militaire commis par un civil

Toute personne autre qu'un militaire qui commet les infractions prévues à la présente

n'inkiko zibifitiye ububasha ibihano bigiteganyijwemo.

section imposed by competent courts.

section est punie des peines qui y sont prévues par des juridictions compétentes.

Ingingo ya 750: Kumenyekanisha urufefeko cyangwa ijambo ry'ibanga rikoreshwa mu itumanaho rya gisirikare

Article 750: Disclosing a code or password of the military communication system

Article 750: Communication d'un code ou d'un mot de passe du système de communication militaire

Umusirikare wese, uzi urufefeko cyangwa ijambo ry'ibanga rikoreshwa mu itumanaho rya gisirikare akabimenyesha abigambiriye undi muntu utagomba kubimenya cyangwa agahishurira, ku buryo ubwo ari bwo bwose, undi utabigenewe uburyo itumanaho rikoreshwa, ahanishwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5), n'imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7), iyo abikoze mu gihe cy'intambara.

Any soldier with access to a code or a password of the military communication system who intentionally discloses it to a person who is not authorised to have access to it or, in any way, discloses to an unauthorized person the operating mechanism of the communication system shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years in peacetime and of five (5) years to seven (7) years in wartime.

Tout militaire qui, ayant accès à un code ou un mot de passe du système de communication militaire, le communique intentionnellement à une personne non autorisée à y accéder ou qui dévoile d'une façon ou d'une autre le mécanisme de fonctionnement du système de communication à une personne non autorisée, est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans en temps de paix, et de cinq (5) ans à sept (7) ans en temps de guerre.

Igihe abikoze ku bw'ububuraburyo, uburangare, ubushishozi buke, umwete muke, kudakurikiza amabwiriza cyangwa ubundi buteshuke bwose ariko adafite ubushake , ahanishwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6). Mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

If the soldier engages in such acts by negligence, carelessness, lack of attention, failure to observe the rules or through any other default but with no intent shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months in peacetime and of one (1) year to two (2) years in wartime.

S'il le fait par maladresse, imprudence, inattention, négligence, inobservation des règlements ou tout autre défaut, mais sans intention, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois en temps de paix et d'un (1) an à deux (2) ans en temps de guerre.

Ingingo ya 751: Guta cyangwa kwangiza igikoresho cy'itumanaho ku burangare

Umusirikare uta cyangwa wangiza ku burangare igikoresho cy'itumanaho, ahanishwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Article 751: Loss or damage of communication equipment by negligence

Any soldier who negligently loses or damages communication equipment in peacetime shall be liable to a term of imprisonment of two (2) months but less than six (6) months.

If a soldier commits such an act in wartime, he/she shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

Article 751: Perte ou détérioration d'un appareil de communication par négligence

Tout militaire, qui, par négligence, perd ou détériore un appareil de communication en temps de paix, est passible d'un emprisonnement de deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

S'il commet cet acte en temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Ingingo ya 752: Kwangiza, kugurisha, kuzimiza ku bushake igikoresho cy'itumanaho rya gisirikare, kurigisa, kugurisha cyangwa kwiba intwaro, amasasu n'ibindi bikoresho bya gisirikare

Umusirikare wese, wangiza, ugurisha, uzimiza ku bushake igikoresho cy'itumanaho rya gisirikare, urigisa, ugurisha cyangwa wiba intwaro, amasasu cyangwa ibindi bikoresho bya gisirikare, ahanishwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku myaka irindwi (7) kugeza ku myaka icumi (10).

Article 752: Causing damage to, selling military communication equipment or making it to disappear, diverting, selling or stealing arms, ammunitions or any other military equipment

Any soldier, who, in peacetime, intentionally causes damage, sells or participates in disappearance of military communication equipment, diverts, sells or steals arms; ammunitions or any other military equipment shall be liable to a term of imprisonment of two (2) to five (5) years.

In wartime, he/she shall be liable to a term of imprisonment of seven (7) years to ten (10) years.

Article 752: Détériorer, vendre ou faire disparaître intentionnellement un matériel de communication militaire, détourner, vendre ou voler des armes, des munitions ou tout autre matériel militaire

Tout militaire qui, en temps de paix, détériore, vend ou fait disparaître intentionnellement le matériel de communication militaire, détourne, vend ou vole des armes, des munitions ou tout autre matériel militaire est passible d'un emprisonnement de deux (2) à cinq (5) ans.

En temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement de sept (7) ans à dix (10) ans.

Ingingo ya 753: Kwinjira mu miyoboro y'itumanaho rya gisirikare nta burenganzira

Umuntu wese, abishaka kandi nta burenganzira abifitiye, winjira mu miyoboro irinzwe y'itumanaho rya gisirikare, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2).

Article 753: Unauthorized access to a military communication network

Any person who intentionally accesses without authorization a secure military communication network shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

Article 753: Introduction dans un réseau de communication militaire sans autorisation

Toute personne qui s'introduit intentionnellement et sans autorisation dans un réseau de communication militaire protégé est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Ingingo ya 754: Gukoresha itumanaho rya gisirikare ukavugana n'umuntu utemerewe kuvugana na we

Umuntu wese, wemerewe gukoresha umuyoboro cyangwa kuvugira mu buryo bukoreshwa mu itumanaho rya gisirikare uvugana n'undi muntu atemerewe kuvugana na we, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka imyaka ibiri (2).

Article 754: Using a military communication system to communicate with an unauthorized person

Any person who is authorised to use or operate a military communication network, who uses it to communicate with an unauthorized person shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to two (2) years.

Article 754: Communication avec une personne non autorisée à l'aide du système de communication militaire

Toute personne qui, ayant le droit d'exploiter le réseau ou d'opérer dans le système de communication militaire, communique avec une personne non autorisée est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à deux (2) ans.

Ingingo ya 755: Kubuza imikorere y''itumanaho rya gisirikare

Umuntu wese, ku bw'uburiganya, ufunga cyangwa ubuza itumanaho rya gisirikare gukora, ahanishwa, mu gihe cy'amahoro, igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

Mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo

Article 755: Jamming a military communication system

Any person who fraudulently blocks or jams the functioning of military communication system in peacetime, shall be liable to a term of imprisonment of three (3) years to five (5) years.

In wartime, he/she shall be liable to a term of

Article 755: Brouillage d'un système de communication militaire

Toute personne qui, en temps de paix, bloque ou brouille frauduleusement le fonctionnement d'un système de communication militaire est passible d'un emprisonnement de trois (3) ans à cinq (5) ans.

En temps de guerre, il est passible d'un

kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 756: Kubangamira itumanaho rya gisirikare

Umuntu wese ukoresha uburyo bubangamiye itumanaho rikoreshwa mu gisirikare avanaho cyangwa ahindura amakuru, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7). Mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Iyo abikoze kubera uburangare cyangwa ububuraburyo, ahanishwa igihano kuva ku mezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6). Mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itanu (5).

Icyiciro cya 8: Ibyaha by'uburangare

Ingingo ya 757: Uburangare butuma intwaro, indege, ubwato, imodoka cyangwa ibindi bikoresho bya gisirikare byangirika cyangwa bigatakara

Umusirikare ugira uburangare butuma intwaro, indege, ubwato, imodoka cyangwa

imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Article 756: Obstructing the military communication system

Any person who obstructs the military communication system by deleting or modifying information shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years imprisonment in peace time and ten (10) years to fifteen (15) years in wartime.

If such an act is committed by negligence or carelessness, the offender shall be liable to a term of imprisonment of at least two (2) months but less than six (6) months. In wartime, he/she shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to five (5) years.

Section 8: Offences committed by negligence

Article 757:Negligence causing the damage or loss of military arms, aircrafts, boats, vehicles or any other military equipment

Any soldier who negligently causes damage or loss of military arms, aircrafts, boats,

emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Article 756: Brouillage du système de communication militaire

Toute personne qui brouille le système de communication militaire par la suppression ou la modification de l'information est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans en temps de paix d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans en temps de guerre.

Si cet acte est commis par négligence ou maladresse, le coupable est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois. En temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à cinq (5) ans.

Section 8: Infractions de négligence

Article 757: Négligence entraînant la détérioration ou la perte des armes, des avions, des bateaux ou des véhicules militaires ou de tout autre appareil militaire

Tout militaire qui, par sa négligence, occasionne la détérioration ou la perte des

ibindi bikoresho bya gisirikare byangirika cyangwa bitakara, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

vehicles or any other military equipment shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

armes, des avions, des bateaux, des véhicules ou de tout autre appareil militaire est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Ingingo ya 758: Uburangare butuma hakomereka cyangwa hapfa umuntu

Umusirikare ugira uburangare mu kazi agatuma hakomereka abantu, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1).

Igihe ubwo burangare bwatumye hagira umuntu cyangwa abantu bapfa, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itatu (3).

Article 758: Negligence causing injury or death of a person

A soldier who negligently causes injuries to people in course of work shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year.

If the negligence causes death of one or more persons, the offender shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to three (3) years.

Article 758: Négligence entraînant les blessures ou la mort d'une personne

Un militaire qui, par négligence au service, cause des blessures aux gens, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an.

Lorsque cette négligence cause la mort d'une ou de plusieurs personnes, le coupable est passible d'un emprisonnement de deux (2) à trois (3) ans.

Icyiciro cya 9: Ukwica amategeko y'amahanga n'agaciro k'inyandiko z'ubutegetsi bw'igihugu cy'amahanga

Ingingo ya 759: Kwica amategeko cyangwa amabwiriza amwe n'amwe y'ibindi bihugu kandi uri umusirikare

Umusirikare uri ku kazi mu kindi gihugu akica amategeko yacyo, akurikiranwa kandi agacibwa urubanza n'inkiko za gisirikari z'u Rwanda, hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda, mu gihe icyo cyaha gihanwa

Section 9: Violation of foreign law and legal effect of documents of a foreign authority

Article 759: Violation by a soldier of some foreign legal and regulatory provisions

A soldier who violates a foreign law where he/she is serving, shall be prosecuted by Rwandan military Courts in accordance with Rwandan law as if such an act has been committed on the Rwandan territory provided that it is punishable by the Rwandan law.

Section 9: Violation des lois étrangères et force probante des actes de l'autorité étrangère

Article 759: Violation par un militaire, de certaines dispositions légales ou réglementaires étrangères

Un militaire qui, sur le territoire d'un Etat étranger où il est en service, contrevient à la la législation de cet Etat, est poursuivi par les juridictions militaires rwandaises conformément à la législation rwandaise comme si l'acte était commis sur le territoire

n'amategeko y'u Rwanda.

Igihe igikorwa yakoze kidafatwa nk'icyaha n'amategeko y'u Rwanda, ahanwa mu rwego rw'imyitwarire.

Ingingo ya 760: Agaciro k'inyandiko z'ubutegetsi bw'igihugu cy'amahanga

Inyandiko z'ubutegetsi bw'Igihugu cy'amahanga zisobanura ibyaha bivugwa mu ngingo ya 759 y'iri tegeko ngenga zigira agaciro mu nkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

UMUTWE WA III: IGIHE CY'IMIDUGARARO

Ingingo ya 761: Ibihano ku byaha byakozwe mu gihe cy'imidugararo

Mu byerekeye gukurikiza amategeko ahana ibyaha bya gisirikari, igihe cy'imidugararo gifatwa nk'igihe cy'intambara. Inkiko za gisirikare zihanisha ibyaha byakozwe mu gihe cy'imidugararo ibihano biteganyirijwe ibyaha byo mu gihe cy'intambara.

rwandais si ledit acte est puni par la loi rwandaise.

If the act committed is not an offence under the Rwandan law, he/she shall be subject to disciplinary sanction.

Si l'acte commis n'est pas qualifié d'infraction par la législation rwandaise, il entraîne une mesure disciplinaire.

Article 760: Legal effect of documents of a foreign authority

Documents of a foreign authority establishing the offences under Article 759 of this Organic Law shall have legal effect before the Rwandan Courts in accordance with the Rwandan laws.

Article 760: Force probante des actes de l'autorité étrangère

Les actes de l'autorité étrangère constatant les infractions visées à l'article 759 de la présente loi organique ont la force probante devant les juridictions rwandaises conformément à la législation rwandaise.

APTER III: STATE OF EMERGENCY

Article 761: Penalties for offences committed during a state of emergency

With regard to the application of the provisions relating to the punishment of military offences, a state of emergency shall be considered as wartime. Military Courts shall apply penalties applicable to offences committed in wartime to offences committed during a state of emergency.

CHAPITRE III: ETAT D'URGENCE

Article 761: Peines pour infractions commises pendant l'état d'urgence

Pour l'application des dispositions relatives à la répression des infractions militaires, l'état d'urgence est assimilé au temps de guerre. Les juridictions militaires appliquent aux infractions commises pendant la période d'urgence les peines prévues pour les infractions commises en temps de guerre.

INTERURO YA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 762: Ihanwa ry'ibyaha bisanzwe mu bubasha bw'inkiko Gacaca

Ibyaha bya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu byakozwe hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994, bisanzwe bihanwa hakurikijwe ibihano biteganywa n'Itegeko Ngenga nº 16/2004 ryo ku wa 19/06/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu byakozwe hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu**,** bizashyikirizwa inkiko zisanzwe nyuma y'isozwa ry'imirimo y'inkiko Gacaca, bihanwa hakurikijwe ibihano biteganyijwe muri iri tegeko ngenga uretse ibiteganijwe ukundi n'itegeko.

Ingingo 763: Iyandikwa ry'ibihano ku rutonde rwabigenewe

Ibihano byose byatanzwe n'inkiko kandi byabaye ndakuka byandikwa ku rutonde rwabugenewe ruba mu Bushinjacyaha

TITLE V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 762: Punishment of offences within the jurisdiction of Gacaca Courts

The genocide crimes and other crimes against humanity committed between October 1, 1990 and December 31,1994 punishable under Organic Law n° 16/2004 of 19/6/2004 establishing the organization, competence and functioning of Gacaca Courts charged with prosecuting and trying the perpetrators of the crime of genocide and other crimes against humanity, committed between October 1, 1990 and December 31, 1994 as modified and complemented to date, to be transferred to ordinary Courts after the conclusion of the work of Gacaca Courts shall be punishable by penalties provided under this Organic Law, unless otherwise provided for by the law.

Article 763: Entry of criminal convictions in the criminal record

All convictions which cannot be appealed are entered in the criminal record held by the National Public Prosecution Authority.

TITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 762: Répression des infractions relevant de la compétence des juridictions Gacaca

Les infractions constitutives du crime de génocide et d'autres crimes contre l'humanité commis entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994 punissables par la Loi Organique n° 16/2004 du19/06/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement des juridictions Gacaca chargées des poursuites et du jugement des infractions constitutives du crime de génocide et d'autres crimes contre l'humanité commis entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994 telle que modifiée et complétée à ce jour, qui seront transférés aux juridictions ordinaires après la clôture des travaux des juridictions Gacaca sont punissables des peines prévues par la présente loi organique, sauf dispositions légales contraires.

Article 763: Inscription des condamnations au casier judiciaire

Toutes les condamnations coulées en force de chose jugée sont inscrites au casier judiciaire tenu par l'Organe National de

Bukuru.

Ingingo ya 764 Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri Tegeko Ngenga

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 765: Ivanywaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko ngenga

Itegeko-teka n° 21/77 ryo ku wa 18 Kanama 1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'Itegeko n° 33 bis/2003 ryo ku wa 06/09/2003 rihana icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara kimwe n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo, bivanyweho.

Icyakora, icyaha cyakozwe mbere y'uko iri tegeko ngenga ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda gihanwa hakurikijwe itegeko ryakigengaga keretse mu gihe iri tegeko ngenga riteganya ibihano byorohereje.

Poursuite Judiciaire.

Article 764: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 765: Repealing provision

The Decree-Law n° 21/77 of 18 August 1977 instituting the Penal Code as modified and complemented to date and the Law n° 33 bis/2003 of 06/09/2003 punishing the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes as well as all other prior legal provisions contrary to this Organic Law, are hereby repealed.

However, an offence committed prior to the publication of this Organic Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall be punishable under the original law unless this Organic Law provides for lesser penalties.

Article 764: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 765: Disposition abrogatoire

Le Décret-loi nº 21/77 du 18 août 1977 instituant le Code Pénal tel que modifié et complété à ce jour et la Loi n° 33 bis/2003 du 06/09/2003 réprimant le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre, ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique, sont abrogés.

Toutefois, une infraction commise avant la publication de la présente loi organique au Journal Officiel de la République du Rwanda reste punissable par la loi dont elle relevait à moins que la présente Loi Organique prévoie des peines plus légères.

Ingingo ya 766: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 02/05/2012

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 766: Commencement

This Organic Law shall enter into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/05/2012

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 766: Entrée en vigueur

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/05/2012

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux